RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 08-10 Nyakanga



P1. Davis Cup 2022: Ikipe ya Togo yazamutse mu cyiciro cya gatatu

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Davis Cup 2022:** Ikipe ya Togo yazamutse mu cyiciro cya gatatu

P2 **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyina y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri

P3 **Handball:** Police HC yatsinze Gicumbi HBT mu mukino wa mbere wa "Playoffs"

# **Davis Cup 2022:** Ikipe ya Togo yazamutse mu cyiciro cya gatatu

Kuva taliki 04 kugeza 09 Nyakanga 2022 mu Rwanda habereye imikino y'irushanwa mpuzamahanga mu mukino wa Tennis "Davis Cup 2022 by Rakuten Africa Group IV" ryabereye mu bibuga bya "Ecology Tennis Club" biherereye muri IPRC Kigali ku Kicukiro.

Iri rushanwa rikaba ryari muri rwego rwo gushaka itike yo kuzamuka mu cyiciro cya gatatu "Africa Group III".

Muri iri rushanwa hitabiriye ibihugu 9 aho byashyizwe mu matsinda abiri. Itsinda A ryari rigizwe n'u Rwanda, Uganda, Tanzania na Sudan naho itsinda B rigizwe na Angola, Togo, Congo Brazzaville, RDC na Botswana.

Nyuma y'imikino y'amajonjora mu matsinda, ikipe y'u Rwanda yazamutse iyoboye itsinda A na Togo yazamutse iyoboye itsinda B zahuriye ku mukino wa nyuma kugira ngo hamenyekane ikipe ibona itike yo kuzamuka mu cyiciro cya gatatu "Africa Group III".

Ikipe ya Togo ni yo yitwaye neza aho yatsinze ikipe y'u Rwanda imikino 3-0 ihita ikomeza mu cyiciro cya gatatu.

Mu mukino wa mbere, Liova Ayite Ajavon (Togo) yatsinze Niyigena Etienne (Rwanda) amaseti 2-0 (6-3 na 6-4). Mu mukino wa kabiri, Thomas Setodji (Togo) yatsinze Habiyambere Ernest (Rwanda) amaseti 2-0 (6-0 na 6-2).

Mu mukino bakina ari babiri, ikipe ya Togo (M'lapa Tingou Akomlo na Hod'abalo isak Padio) yatsinze ikipe y'u Rwanda (Niyigena Etienne na Habiyambere Ernest) amaseti 2-0 (77-65 na 6-2).

Mu mikino yo guhatanira imyanya, ikipe ya RDC yatinze Sudan imikino 3-0, Tanzania itsinda Botswana imikino 2-1 mu guhatanira umwanya wa 5 naho mu gutanira umwanya wa 6, ikipe ya Angola itsinda Uganda imikino 3-0.

Ikipe ya Togo yasoreje ku mwanya wa mbere ikurikirwa n'u Rwanda, DRC (3), Sudan (4), Tanzania (5), Botswana (6), Angola (7), Uganda (8) na Congo Brazzaville (9).



*Ikipe ya Togo yazamutse mu cyiciro cya gatatu*

Nyuma y'iri rushanwa, taliki 25 Nyakanga 2022 muri Cameroun hazabera irindi rushanwa ryo muri iki cyiciro cya kane "Africa Group IV" ahazitabira amakipe 8 ari yo Cameroun, Burundi, Ethiopia, Gabon, Ghana, Mauritius, Nigeria na Senegal aha naho hakomeze ikipe imwe.

Muri 2019, ikipe y'u Rwanda yitabiriye iyi mikino "Davis Cup 2019" yabereye muri Congo Brazzaville yitwara neza ibona itike yo gukomeza mu itsinda rya III. Muri 2021 ikipe y'u Rwanda yitabiriye "Davis Cup 2021" mu itsinda rya III aho imikino yabereye i Cairo mu Misiri maze ntiyabasha kwitwara neza bituma isubira mu cyiciro cya kane "Group IV".



# **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyina y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri

Taliki 8 kugeza 10 Nyakanga 2022 habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore ndetse n'imikino ya ¼ na ½ mu cyiciro cya kabiri mu bagabo.

Mu cyiciro cya kabiri, amakipe agomba gutangurwnwa gutsinda imikino ibiri ya ½ kugira ngo abone itike y'umukino wa nyuma no kuzamu mu cyiciro cya mbere.

**Uko imikino yagenze**

**Icyiciro cya mbere mu bagabo**

**Taliki 08-07-2022**

- Patriots BBC 122-42 UR CMHS BBC
- UGB 57-67 IPRC Kigali
- APR BBC 62-78 REG BBC

**Taliki 09-07-2022**

- UR CMHS BBC 23-74 APR BBC
- IPRC Huye 37-68 Patriots BBC

**Taliki 10-07-2022**

- Rusizi BBC 61-65 Espoir BBC
- IPRC Musanze 48-72 UGB

**Icyiciro cya mbere mu bagore**

**Taliki 09-07-2022**

- UR CMHS 12-55 The Hoops
- IPRC Huye 72-86 APR BBC

**Taliki 10-07-2022**

- UR Huye BBC 31-125 The Hoops

**Icyiciro cya kabiri mu bagabo**

**Taliki 09-07-2022**

**Imikino ¼**

- Flame 72-61 Ispired Generation
- The Hopps Juniors  61-63 Intare BBBC
- Orion BBC 73-66 Elite BBC
- Kigali Titans 92-49 Black Thunders

**Taliki 10-07-2022**

**Imikino ya ½**

- Kigali Titans 81-40 Flame
- Orion BBC 77-52 Intare BBC



*Ikipe ya RP-IPRC Huye Women BBC ikina na APR Women BBC.*





*Ikipe ya APR BBC ikina na REG BBC*

## 3 **Handball:** Police HC yatsinze Gicumbi HBT mu mukino wa mbere wa “Playoffs”

Nyuma yo gusoza imikino ya shampiyona yagombaga kugaragaza amakipe abiri azahatanira igikombe, ku Cyumweru taliki 10 Nyakanga 2022 mu Karere ka Gicumbi habereye umukino wa mbere muri itatu ya “Playoffs 2022”.

Muri uyu mukino wa mbere, ikipe ya Police HC yitwaye neza itsinda Gicumbi HBT ibitego 41 kuri 35, aho igice cya mbere cyari cyarangiye n'ubundi Police HC iri imbere n'ibitego 17-13.

Umukino wa kabiri wa “Playoffs 2022” uteganyijwe ku Cyumweru taliki 17 Nyakanga 2022 ku kibuga cya Maison des Jeunes Kimisagara. Ikipe ya Police HC niramuka itsinze uyu mukino izahita yegukana igikombe, mu gihe Gicumbi HBT niramuka itsinze hazategerezwa umukino wa gatatu hakamenyekana iyegukanye igikombe cya shampiyona 2022.

Uyu mukino wa gatatu biteganyijwe ko wakinwa taliki 22 Nyakanga 2022 ukabera ku kibuga kitari icy’aya makipe yombi, Ishyirahamwe ry’umukino wa Handball mu Rwanda “FERWAHAND” akaba ari ryo rizahitamo ikibuga umukino waberaho.





*Ikipe ya Police HC*



*Ikipe ya Gicumbi HBT*

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave